# MAGAZINE

# MY STORY - MY VOICE




**SAVE GENERATIONS ORGANIZATION MAGAZINE**

**NO: 06**

Ugushyingo 2023

Save Generations Organization

Prepare, Empower and Equip the Future Generations

Umuryango nyarwanda, utari uwa Leta, uharanira iterambere ry'umwana, urubyiruko n'umugore.

Iki kinyamakuru cyanditswe ndetse gisohorwa na **Save Generations Organization** itewe inkunga na **Plan International Rwanda**

**UKENEYE AMAKURU KU BURYO BURAMBUYE WABARIZA AHA HAKURIKIRA:**

Ikicaro gikuru cya Save Generations Organization: Rwanda-Kigali-Gasabo-Remera – Nyabisindu-KG 8AV- Inzu no 104.

| Website | E-mail | YouTube | Twitter | FB, IG & LinkedIn | Telefone |
|---|---|---|---|---|---|
| www. sgorwanda.rw | savegenerationsorganization@gmail.com | SGO Rwanda Official | @SaveGenOrg | Save Generations Organization | +250783812690<br>+250783018458<br>+250780227029 |

# UMVA INKURU YANJYE

## MU IJWI RYANJYE



**Bangavu.Ngimbi.Rubyiruko.**

**Tuganire nanjye!!!**

# IJAMBO RY'IBANZE

## Muraho!.

Kugira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere birafasha, abangavu, ingimbi n'urubyiruko yaba abiga n'abatiga usanga akenshi bahora bibaza niba koko nabo bakwiye kugira amakuru ku buzima bw'imyororokere, ukuri ni uko nabo bikwiye ko bigishwa bakagira amakuru y'ukuri. Umuryango **Save Generations Organization (SGO)** utewe inkunga na **Plan International Rwanda** wishimiye kubagezaho ikinyamakuru "**Tuganire ku buzima bw'imyororokere**, kizwi nka **"MY STORY, MY VOICE",** kigamije guha umwanya abangavu, ingimbi n'urubyiruko abiga n'abatiga bagasangiza bagenzi babo inkuru z'impinduka ku buzima bwabo ku bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere, ndetse no kwikorera ubuvugizi ku bibazo bikibugarije bibazitira mu kubona uburenganzira bwabo bwo kubona amakuru ku buzima bw'imyororokere.

Abangavu, ingimbi n'urubyiruko bari hagati y'imyaka 10-24 bo mu Karere ka Bugesera mu Mirenge ya Kamabuye na Ngeruka, mu bigo by'amashuri aribyo G.S Biharagu, G.S Rutonde , G.S Twimpara na G.S Nyakayaga aho Save Generations Organization isanzwe ikoreramo ibikorwa byayo byo kongerera ubumenyi abangavu, ingimbi n'urubyiruko ku buzima bw'imyororokere n'uburenganzira bijyana babashije guhabwa amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere n'uburenganzira bijyana, barasangiza bagenzi babo amakuru y'ukuri n'uburenganzira bwabo ku buzima bw'imyororokere, serivise z'ubuzima bw'imyororokere naho zitangirwa. Bagaragaje ko abangavu, ingimbi n'urubyiruko abiga n'abatiga muri rusange ko bashobora guhura n'ingorane zitandukanye mu gihe badafite ubumenyi bushingiye ku makuru nyayo. Muri iki kinyamakuru murasangamo inkuru zitandukanye, zigamije kwigisha bagenzi babo no gukorera ubuvugizi ibibazo bikibugarije bishingiye ku buzima bwabo bw'imyororokere n'uburenganzira bijyana; harimo n'inyigisho zisoza zikubiye mu kiganiro cyiswe "**Tuganire nanjye**"

> "Ese wowe ni gute wagira uruhare mu gusangiza bagenzi bawe ubu bumenyi? Bahe ikinyamakuru nabo basome, nawe uzatwandikire icyo byagufashije kuri info@sgorwanda.rw , ibuka gushyiraho aho waturutse, niba wiga cg utiga, umwaka wigamo n'imyaka ufite, utubwire niba uri umukobwa cg umuhungu, ndetse n'ubutaha ubishatse ukazaduha inkuru yawe tukayisangiza abandi."

**Urararitswe, Ntucikwe!!!!!!!!!!**

## Dore uko twaganiriye




# Ese ni ngombwa ko tuganira ku buzima bw'imyororokere?

Kuganira ku buzima bw'imyororokere bituma tumenya amakuru y'ukuri bikadu fasha kugira imyitwarire nyayo muri bagenzi bacu, tumenya uburenganzira dufite ku bidukorerwa bifite aho bihuriye n'ubuzima bwacu bw'imyororokere, abangavu, ingimbi n'urubyiruko bahura n'ibibazo byinshi bishingiye ku buzima bw'imyororokere, harimo inda z'imburagihe, indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina idakingiye, gucikiriza amashuri, n'ibindi, bigaterwa n'uko benshi muri bo usanga badafite amakuru y'ukuri ahagije, kandi yizewe ku buzima bwabo bw'imyororokere bitewe n'impanvu zitandukanye, zishingiye ku muco, imyemerere ndetse na kirazira. Nyamara kutaganira kuri izi ngingo bituma hakwirakwira amakuru y'ibihuha.

Ibyo bikaba imwe mu mpamvu ituma abangavu ,ingimbi n'urubyiruko batamenya uburenganzira bwabo bwo kugira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere n'uburenganzira bijyana. Nyamara kubimenya bituma barushaho kugira ubumenyi bwisumbuyeho ku bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere, ndetse no gukora amahitamo meza no gufata ibyemezo bishingiye ku kumenya. Kugira ubumenyi ku buzima bw'imyororokere byatumye abangavu, ingimbi n'urubyiruko bahawe amakuru batinyuka bagafata ibyemezo bikwiriye ku mibiri yabo ndetse n'ubuzima bwabo muri rusange. Bamwe mu bo twaganiriye bagize icyo babivugaho:

# Tuganire ku buzima bw'imyororokere

Kugira amakuru ku buzima bw'imyororokere ni uburenganzira kuri twese!!!

Buri muntu wese afite uburenganzira bwo kwifatira icyemezo kubijyanye n'ubuzima bwe bw'imyororokere.





# Kwigishwa ku buzima bw'imyororokere byaramfashije cyane nk'umwana w'umukobwa

Ntwa **UHISHURIWE Dosine**, ndi umukobwa, mfite imyaka 18, niga imibare ubutabire n'ibinyabuzima mu mwaka wa 6 w'amashuri yisumbuye mu kigo cya G.S Nyakayaga mu Karere ka Bugesera.

Mbere ntarahugurwa na Save Generations Organization nagiraga isoni zo kumva ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere, nahoranaga amakuru y'ibihuha mpabwa nabagenzi banjye, sinashoboraga kuganira n'umubyeyi ku bijyanjye n'ubuzima bw'imyororokere, bigatuma nanjye ubwanjye mporana ubwoba no gutinya aho babivuga kuko numvaga jye ubwanjye kumva ayo makuru bitandeba, ntakizere nigiriraga kuburyo nashoboraga guhura n'ikibazo kijyanye n'ubuzima bw'imyororokere simbashe kubibwira ababyeyi banjye, iyo nabonaga impinduka zimbayeho zijyanye n'ubuzima bw'imyororokere natinyaga kubivuga bitewe no kumva muri njye binteye isoni. Ndashimira Save Generations Organization ko yampuguye ku buzima bw'imyororokere ikampuza n'urungano mu rubuga rwacu aho tubiganira bigatuma abantu nkatwe twaterwaga isoni no kumva ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere ndetse nandi makuru bijyanye dutinyuka, ubu mbasha kuganira n'ababyeyi banjye nkabasobanuza icyo mbonye ntasobanukiwe muri ubu buzima, singiterwa isoni no kuvuga, kubaza cyangwa gusobanuza ibyo ntasobanukiwe, nta pfunwe ryo kubaza yaba abanduta ndetse nahandi hose batanga amakuru na serivise ku buzima bw'imyororokere, yaba kwa muganga, ikigo cy'urubyiruko, isange one stop center n'ahandi, byaramfashije cyane nk'umwana w'umukobwa kuko ubwanjye mbona haraho navuye n'aho nageze, bizatanga umusaruro mwiza yaba kuri njye ndetse n'abagenzi banjye kuko ubu nsigaye mbasha kujya imbere y'abanyeshuri twigana ndetse na bagenzi banjye muri rusange nkabasangiza amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere.

## *INAMA Y'URUNGANO!!!!*

**Inama najyira abakobwa bagenzi banjye, bamenye ko kutagira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere bitugiraho ingaruka mbi cyane, yaba kuri twe, mu babyeyi bacu ndetse no muri sosiyete muri rusange, kuko mu gihe uri umukobwa ugahura n'ingaruka zo kutagira amakuru y'ukuri wenda ugaterwa inda ukiri muto cyangwa se ukanduzwa indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina idakingiye, akenshi usanga bitagira ingaruka kuri wowe wenyine kuko bigira ingaruka no ku babyeyi bawe, uwaguteye inda cyangwa akakwanduza indwara, bijyira ingaruka kubo muvukana tutibajyiwe na bagenzi bawe. Bakobwa bagenzi banjye mureke duharanire kugira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere, dutinyuke kandi twijyirire icyizere ibi bizadufasha kwirinda ibishuko bitandukanye dore nitwe babyeyi bejo hazaza.**



### MUTUYIMANA Claude

Nitwa MUTUYIMANA Claude, ndi umuhungu, mfite imyaka 13, niga mu kigo cya G.S Biharagu mu Karere ka Bugesera.

Numvaga ko umukobwa ujyiye kujya mu mihango agomba kurwara ibishishi mu maso kandi ibyo bishishi bigomba gukira aruko akoze imibonano mpuzabitsina n'umuhungu, ubu nasobanukiwe ko ayo makuru narimfite atari ukuri, namenye ko ibishishi bidakizwa no gukora imibonano mpuzabitsina. Kwirinda no kugira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere nibyo byonyine bifasha, twese abahungu n'abakobwa duharanire kugira amakuru yizewe kandi y'ukuri ku buzima bw'imyororokere n'uburenganzira bijyana.

# Ese birakwiye ko abahungu nabo baganirizwa ku buzima bw'imyororokere?





# Ni ingenzi ko abahungu nabo bamenya amakuru ku buzima bw'imyororokere n'uburenganzira bijyana.

Nitwa **KWIZERA Patrick**, ndi umuhungu, mfite imyaka 19, niga mu mwaka wa 6 imibare, ubukungu n'ubumenyi bw'isi mu kigo cya G.S Nyakayaga mu Karere ka Bugesera.

Mbere ntarahabwa amahugurwa ku buzima bw'imyororokere na Save Generations Organization nabaga mu bigare bya bagenzi banjye tungana mu myaka, nashoboraga kubarizwa mu ngeso mbi zakwangiza uwo ndiwe simbashe ku byirinda kuko ntamakuru narimfite, sinashoboraga kugira aho nkura amakuru yizewe kuko ntaho nabonaga nyakura yaba murugo ndetse no ku ishuri kuko jye ibyo niga nta somo rivuga ku buzima bw'imyororokere twigamo, sinarinzi imyitwarire y'umuhungu byumwihariko igihe arikumwe na bagenzi be b'abakobwa, uburyo abubaha ndetse akubaha n'uburenganzira bwabo. Mbona naribeshyaga cyane kuko nasobanukiwe ko nta kiza kiva mu bigare uretse gukuramo amakuru y'ibihuha, ntabwo narinzi uruhare rw'abahungu mu bibazo abakobwa bahura nabyo.

Natekerezaga ko ingaruka bahura nazo nko kuba yatwara inda akiri muto, gucikiriza amashuri, n'izindi, ko ari amakosa yabo kuko ari abanyantege nke batabasha gufata ibyemezo, akenshi na kenshi twe abahungu turabyirengagiza kandi natwe tuba twabigizemo uruhare.

Munyigisho twahawe na Save Generations Organization zaradufashije cyane , kuri njye nungukiyemo byinshi cyane, nasobanukiwe ko umuhungu adafite ububasha burenze ubw' umukobwa ku byemezo afata ku mubiri we "niba ambwiye ngo oya, ngomba kumwubaha nanjye nkabifata ko ari oya". Kuri ubu ngerageza kwigisha bagenzi banjye, nkabereka ko abakobwa bafite uburenganzira bwo kutavogerwa mu kwifatira ibyemezo ku bikorerwa ku mibiri yabo, mbasangiza amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyorokere.

## *Icyo nsaba abahungu bagenzi banjye!!!*



**Ndasaba abahungu bagenzi banjye ko ari ingenzi kugira amakuru ku buzima bw'imyororokere n'uburenganzira bijyana, harigihe abahungu twumva hari ibitatureba nko kumenya ukwezi k'umugore cg umukobwa n'imihango ugasanga mugihe bayirimo kuritwe tukabaseka twumva ko ari igisebo kuri bo, nyamara siko bikwiye kumera, kubimenya natwe birafasha cyane, ikindi kandi bidufasha kwirinda ibihuha bivugwa ahubwo tukamenya ko umukobwa uri mu mihango nawe ashoboye. Ntitukumve ko ari umunyantege nke ahubwo ubufatanye bwacu twembi ni ngombwa mu gihe ari mu mihango, twamufasha ibyo dushoboye cyane cyane tumurinda guhangayika, ahubwo tukamuba hafi. Ikindi ndasaba abahungu bagenzi banjye kudaseka bashiki bacu mu gihe bari mu mihango kuko ari ibisanzwe, nta gikuba kiba cyacitse.**

MIGAMBI Innocent, ndi umuhungu, imyaka 17, niga G.S Biharagu, mu Karere ka Bugesera.



***Ese birakwiye ko abahungu bumva ko aribo bafite uburenganzira buhagije ku bakobwa?***

**Nitwa MUTUYEYEZU Emile, mfite Imyaka 24, ntuye mu Akagari ka Tunda, Umurenge wa Kamabuye Akarere ka Bugesera.**

Abahungu bamwe bumva ko ari bo bafite uburenganzira buhagije ku bakobwa, bumva ko buri kimwe cyose bacyemerewe ku mukobwa hatabayeho kubijyaho inama cyangwa se kubanza kubiganiraho, nko gukora ku mukobwa uko wiboneye, kumukoresha imibonano mpuzabitsina n'ibindi byose twibwira ko ariko umuco udutegeka, nyamara siko bikwiye gukorwa, birakwiye ko abahungu natwe tujyinama na bashikibacu, tukabubaha ndetse tukumva ko buri kimwe cyose tubanza kukijyaho inama mbere yuko gikorwa, ntidufite uburenganzira bwo kubafatira ibyemezo ahubwo nabo bafite uburenganzira bwo kwifatira icyemezo ku bibakorerwa, yaba ku bikorerwa umubiri wabo, mu muryango baturukamo ndetse no muri sosiyete muri rusange.



# Singiterwa isoni zo kuvuga cyangwa gusobanuza ibyo mbonye ntasobanukiwe ku Buzima bw'imyororokere

Nitwa **NIRAGIJIMANA Josiane**, ndi umukobwa mfite imyaka 13, niga mu mwaka wa 5 w'ama shuri abanza mu cyigo cya G.S Twimpara mu Karere ka Bugesera.

Nkigera mu rubuga twahawe na Save Generations Organization ku ishuri natunguwe no gusanga umwana wese abasha kwisanzura akavuga ndetse agahabwa inyigisho ku buzima bw'imyororokere, ntungurwa no kubona duhabwa umwanya tukavuga ibibazo dufite duhura nabyo ku buzima bw'imyororokere ntasoni biduteye nk'abangavu n'ingimbi, bigahabwa agaciro ndetse tukanasobanurirwa ibyo twibaza bijyanye n'ubuzima bwacu bw'imyororokere, nahoranaga ibihuha nkura muri bagenzi banjye nahandi hose hatizewe, sinamenyaga niba amakuru mfite atariyo kuko nabaga nizeye inshuti zanjye zayampaye, numvaga ko abakobwa dukwiriye kumenya ibyacu bitureba abahungu nabo bakamenya amakuru yabo yihariye, numvaga biteye isoni kuganira ku buzima bw'imororokere kuko numvaga byafatwa ukundi nk'umushizi w'isoni n'ibindi. Aho ngereye mu rubuga duhuriramo ku ishuri muri Save Generations Organization nahawe amakuru yizewe ku buzima bw'imyororokere, mpabwa imfashanyigisho zirimo udutabo turimo amakuru yizewe, byaramfashije cyane kwitinyuka kuburyo ubu nsigaye mbasha kuvuga ikibazo mfite ndetse no kwegera ababyeyi tukaganira ku buzima bw'imyororokere. Namenye uburenganzira mfite bwo kwirinda no kurinda abandi ihohotera iryo ari ryo ryose harimo n'irishingiye ku gitsina.

### *INAMA Y'URUNGANO!!!!*

"Josiane ni iyihe nama wagira urungano rwawe?"

**Inama nagira abandi bakobwa nuko bakwiye kumenya ko hanzaha hari ibishuko byinshi bigamije kudushora mu mibonano mpuzabitsina, nitwe ubwacu dukwiye kwifatira ibyemezo tukirinda ibi bishuko kuko ntakiza bituzanira, twirinde uburyohe bwakanya gato ahubwo duharanire kubaho kwacu kwigihe kirekire ntangaruka twatewe no kutagira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere.**

**Ndashishikariza bagenzi banjye twahuguwe na Save Generations Organization ko dukwiye gutanga amakuru yizewe ku buzima bw'imyororokere kugirango turinde bagenzi bacu kujya mu ngeso mbi, muze dufatanye no kugarura abagiye mu ngeso mbi nabo bongere bagaruke bagire amakuru y'ukuri abafasha ku menya uko bitwara muri bajyenzi babo.**



Nitwa **MUHAWENIMANA Valentine**, ndi umukobwa, mfite imyaka 21 Ntuye mu Akagari ka Tunda, Umurenge wa Kamabuye Akarere ka Bugesera. Akenshi usanga urubyiruko rutari mu ishuri kubona amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere biba bitoroshye, gutinyuka kujya kubaza aho batangira aya makuru cyangwa serivise z'ubuzima bw'imyororokere nabwo ugasanga bibabera imbogamizi kuko benshi baba bitinya ndetse bumva ko bitabareba.

Muri iki gihe abakobwa tungana usanga badasobanukiwe akamaro ko kwirinda gukora imibonano mpuzabitsina, harabo usanga bajyendera mungeso zitari nziza zo gukora imibonanompuzabitsina kenshi na kenshi ugasanga batibuka no gukoresha agakingirizo mugihe bibabayeho, ntibibuke ko bashobora guhura n'ingaruka zitandukanye zirimo nko guterwa inda z'imburagihe cyangwa se kwanduzwa indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina yakozwe idakingiye nka SIDA, mitezi n'izindi. Ibi biterwa no kutagira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere.


***INAMA Y'URUNGANO!!!!***

## Valentine ni iki wabwira abakobwa bajyenzi bawe bumva ko gusobanuza ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere bitabareba?

***Icyo nabwira abakobwa bagenzi banjye bamenye ko aribo ubwabo bakwiye gufata iya mbere mu kugira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere, basobanuze kugirango babashe gusobanukirwa by'ukuri, kugira amakuru ku buzima bw'imyororokere birafasha ndetse bikakurinda ibishuko biri hanzaha bidushora mu bikorwa byakwangiza abo turibo.***




# My Story My Voice



# Kugira amakuru ku buzima bw'imyororokere byatumye nsobanukirwa amoko y'ihohotera

Nitwa **AGASARO Saplina**, ndi umukobwa, mfite imyaka 14, niga mu mwaka 1 (S1) w'ama

Shuri yisumbuye mu kigo cya G.S Rutonde mu karere ka Bugesera.

Nishimira kuba narahuguwe na Save Generations Organization ngahabwa inyigisho ku buzima bw'imyororokere, nigiyemo byinshi ntarinsobanukiwe, mbere sinarinzi ihohoterwa icyo ari cyo kuburyo nashoboraga gukorerwa ihohoterwa simbashe kumenya ko nahohotewe ngo mbashe gushaka ubufasha, ubu nasobanukiwe amoko y'ihohotera mugihe mbere nibwiraga ko ihohotera ari irishingiye ku gitsina gusa, hari nabandi bagenzi banjye batarabisobanukirwa kugeza ubu nabo bumva ko ihohoterwa rikorerwa ku gitsina gusa, **Oya**, ukuri nuko hari n'andi mahohoterwa abangamira imibereho y'umuntu, twavuga nko gufatwa kungufu no gusambanywa ku gahato, gukubitwa no

gukomeretswa,kubuzwa uburenganzira ku mutungo n'ibindi byose bibangamira umuntu akumva ntamahoro n'umutekano afite mu bandi, ubu narasobanukiwe ndetse menya neza ko mugihe nahura n'iki kibazo cyangwa nkabona uwahohotewe nabasha ku mukorera ubuvugizi, kuko kenshi usanga abahohotewe cyane cyane urubyiruko rwahuye niki kibazo usanga ntakizere bafite cyo gukomeza gahunda z'ubuzima busanzwe, rimwe na rimwe ugasanga batinya no kubivuga kuko baba bafite ubwoba bw'uko bazafatwa muri bagenzi babo bumva ko bizafatwa nkigisebo. Icyo nasaba bagenzi banjye bumve ko mugihe babonye uwahohoteye akwiye kubibazwa ndetse uwahohotewe nawe agahabwa ubufasha, wabimenyesha abajyanama b'ubuzima, kwamuganga, ku kigo cy'urubyiruko, isange one stop center, RIB, kuri Police, cyangwa ugahamagara numero zikurikira, ntizishyuzwa.

Numero wahamagara mugihe uhuye n'ikibazo ukeneye ubufasha kuri ibi bikurikira:

| | |
|---|---|
| 3512 | Ihohotera rikorerwa mungo, cyangwa rishingiye ku gitsina |
| 3029 | Isange One Stop Centre |
| 116 | Gutabariza umwana wakorewe ihohotera |
| 9059 | MIGEPROF |
| 711 | NCDA |

# IJWI RY'ABANGAVU, INGIMBI N'URUBYIRUKO.

## *INKURU Y'UBUVUGIZI*



1

Abangavu, ingimbi n'urubyiruko bo mu Mirenge ya Kamabuye na Ngeruka no mu bigo 4 byo muri iyi mirenge aribyo G.S Rutonde, G.S Twimpara, G.S Nyakayaga na G.S Biharagu, bagaragaje imbogamizi izitira abangavu, ingimbi n'urubyiruko mu kubona amakuru yizewe ku buzima bw'imyororokere, bagaragaje ko Kenshi na kenshi usanga ibigo byurubyiruko biba kure, ugasanga bitorohera buri wese kugira icyo asobanuza mugihe ari ngombwa, bati " tugize ibigo by'urubyiruko hafi yacu bitanga ubwisanzure kuri twese byadufasha kwisanzura ndetse tukajyira amakuru ku buzima bw'imyororokere kuko twaba dufite aho tuyakura heza kandi hizewe "

2

Twebwe Abangavu, ingimbi n'urubyiruko abiga n'abatiga, dusanga kugira amakuru ku buzima bw'imyororokere ari bumwe mu burenganzira bwacu, ariko dusanga butubahirizwa uko bikwiriye, ababyeyi bamwe baracyatinya kuganiriza abana babo ku buzima bw'imyororokere, bityo turifuza ko ababyeyi muri rusange bazamura imyumvire, bakaganiriza abana ubuzima bw'imyororokere.

# TUGANIRE NANJYE!

Nitwa **UMUHOZA IHIMBAZWE Sandrine**, ndi umukobwa, mfite imyaka 22, narangije kwiga mu ishami ry'iterambere ry'abaturage muri Kaminuza yijyenga ya Kigali ULK, ubu nkorana hafi n'abangavu, ingimbi n'urubyiruko, nkaba narabihuguriwe ndetse ndi umukozi muri Save Generations Organization, Akenshi abangavu, ingimbi n'urubyiruko, tuganira ku buzima bw'imyororokere, ugasanga haraho bigaragara ko hakiri amakuru menshi y'ibihuha ari nayo ntandaro y'ibibazo bimwe nabimwe abangavu, ingimbi n'urubyiruko yaba abiga n'abatiga bahura nabyo, nko guterwa cyangwa gutera inda imburagihe, indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina idakingiye n'ibindi bishingiye ku kutagira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere.

Kugira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere bifasha gukora amahitamo mazima, ndetse ni uburyo bwiza bwo kwirinda ibishuko byadushora mu byakwangiza ubuzima bwacu. bidufasha kwihesha agaciro muri bagenzi bacu n'ababyeyi muri rusange, iyo dufite amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere ndetse tuzi neza uburenganzira bijyana, ni indi ntambwe ikomeye mu buzima bwacu kuko bidufasha kugira intego mu byo dukora byose, kandi ufite aya makuru usanga aharanira kuzagera kucyo yiyemeje maze agashobora kwiteza imbere.

Muri iki gihe hariho umuvuduko witerambere aho abangavu, ingimbi n'urubyiruko bakoresha cyane ikoranabuhanga, bagashishikazwa no kureba amakuru aba yagiye ashyirwa kumbuga nkoranyambaga, aya makuru kenshi usanga haba harimo ayuzuyemo ibihuha bishobora gutuma imyitwarire kuri wamwana w'umukobwa cyangwa se w'umuhungu ihinduka agatangira kwitwara muburyo budasanzwe.

Umwana w'umukobwa ujyeze mugihe cy'imyaka 10-24 ahura n'ibibazo byinshi kuko abagabo n'abahungu baba bamwifuza mu rwego rwo kumwishimishaho kandi bikarangira bamwangirije ubuzima nyuma yo guterwa inda akiri muto, kwanduzwa indwara zandurira mu mibinano mpuzabitsina, kwishora mu myitwarire igayitse y'uburaya, guta ishuri, ubusinzi n'ubwomanzi. Ni ngombwa rero ko duhabwa amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere n'uburenganzira bijyanye nabyo.



Tugasobanurirwa hakiri kare impinduka tugenda duhura nazo ku mubiri wacu.

Iyo wasobanukiwe ibi, bigufasha no kwirinda ihohotera rishingiye ku gitsina ndetse ukamenya neza ko ufite uburenganzira bwo guhabwa amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere ndetse na serivise bijyana.

Bangavu, ngimbi, rubyiruko yaba abiga n'abatiga mumenye neza ko mufite uburenganzira bwo guhabwa amakuru ku buzima bw'imyororokere, inyigisho na serivise z'ubuzima bw'imyororokere, mumenye ko mufite uburenganzira bwo kurindwa ihohoterwa iryo ari ryo ryose, mugihe hari uwarikorerwa birakwiye ko agaragaza icyaha yakorewe hakiri kare maze agahabwa ubufasha n'ubutabera. Tugire amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere n'uburenganzira bijyana bizadufasha kugera ku byiza twifuza.

**Yari inshuti yanyu**
**UMUHOZA IHIMBAZWE Sandrine**
**Save Generations Organization**

# TUGANIRE NANJYE!

Nitwa **RWABUKAMBA Jean Jubile**, ndi umuhungu, mfite imyaka 23, narangije kwiga mu ishami ry'ubuganga muri Kaminuza y'U Rwanda, Ndi umukozi muri Save Generations Organization, ibikorwa byanjye byaburi munsi harimo gutanga amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere mu bangavu, ingimbi n'urubyiruko mu turere Save Generations Organization ikoreramo ibikorwa byayo byo kongerera abangavu, ingimbi n'urubyiruko abiga n'abatiga amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere n'uburenganzira bijyana.



***Tuganire nanjye!!!!!***

Mubyukuri bigaragara ko ingimbi, abangavu n'urubyiruko abiga n'abatiga, ndavuga abari mu kigero cy'imyaka 10-24 bamwe nda baruta abandi baranduta, ariko usanga benshi muri bo bafite amakuru atariyo avuga ku buzima bw'imyororokere ( *nayo bakura muri bagenzi babo, kumbuga nkoranyambaga zigamije gucuruza, nahandi hose hatizewe*) ugasanga akenshi batazi n'uburenganzira bwabo ku bibakorerwa bifite aho bihuriye n'ubuzima bw'imyororokere, ibi bigaterwa nuko baba batagezwaho amakuru y'ukuri kandi yizewe ku mpinduka bahura nazo mu kigero k'imyaka yabo. Hakaba ubwo usanga hari ababyeyi n'abarezi bataragira umuco wo kuganiriza abana mu muryango mu rwego rwo kubategura guhangana n'ibibazo bahura nabyo mu gihe cy'ubwangavu n'ubugimbi kugirango bibafashe kubungabunga no gusigasira ubuzima bwabo.

Haraho usanga kandi hatubahirizwa uberenganzira bw'abangavu, ingimbi n'urubyiruko muri rusange ku birebana n'ubuzima bw'imyororokere, akenshi bikagaragara ku bangavu n'abakobwa cyane, muri make ni uburenganzira bwo kugira amahitamo y'ibikorerwa ku mubiri wabo usanga abahungu n'abagabo bumva ko aribo bafite uburenganzira ku bikorerwa abakobwa ntibamenye ko umukobwa n'umugore aribo ubwabo bo kwifatira icyemezo ku cyibakorerwa. Umukobwa cg umugore bafite uburenganzira bwo gukora amahitamo y'ibikorerwa ku mibiri yabo, ibyo ari byo byose, igihe icyo ari cyo cyose, uburyo bwose, nta wundi muntu ubigizemo uruhare wamushyiraho igitutu cyamubuza uburenganzira bwe. Igihe cyose hari umuntu wundi ugize uruhare mu mahitamo y'ibikorerwa ku mubiri w'umukobwa cg umugore, iryo ni ihohotera.

Iyo ingimbi n'abahungu muri rusange bamenye neza ko buri wese afite uburenganzira ku bimukorerwa, bituma habaho ubwumvikane hagati yabo bombi mu bikorwa bya buri munsi ntawe uhutaje cyangwa se abangamiye undi hagati y'umukobwa n'umuhungu.

Abakobwa n'abahungu bagomba gutozwa ubwo burenganzira bwabo kuva bakiri bato bakabuharanira. Ibyo bizateza imbere umuryango by'umwihariko n'igihugu muri rusange, bityo tugere ku iterambere rirambye kandi rihuriweho nabose abakobwa n'abahungu, abagore n'abagabo.

Kugira amakuru ku buzima bw'imyororokere bidufasha kwirinda ibishuko duhura nabyo muri ubu buzima tubamo, twirinda inda z'imburagihe, indwara zandurira mu mibonanompuzabitsina idakingiye n'izindi ngaruka ziterwa nuko utagize amakuru y'ukuri ngo wirinde hakiri kare, bituma kandi dutinyuka tukabasha gusobanuza ibyo tudasobanukiwe ndetse tukabasha kumenya no kwaka serivise z'ubuzima bw'imyoirorokere nta soni biduteye.

**Murakoze**
**Yari inshuti yanyu**
**RWABUKAMBA Jean Jubile**
**Save Generations Organization**

My Story
My Voice



# M@GAZINE